/R.J.B./

23 OCT. 1972

0440 /J.S.4.15.-

Mademoiselle NIWEMUKOBWA Capitoline,
Centre de Secteur
Cercle Social MUSHA
B.P. 265
K I G A L I.-

Mademoiselle,

Ibaruwa wanyandikiye taliki ya 9 Ukwakira 1972 narayibonye. Ndashima igitekerezo mwagize cyo guteza imbere imikino mu rubyiruko rw'abakobwa muli Centre du Secteur yanyu. Iyo ntego nimuyikomeze ndetse muzite no ku yindi mikino. Mujye mutumenyesha intambwe mugezeho, kugirango dukomeze kujya tubagira inama. Igikorwa cyanyu ni cyiza kandi gikwiye kumenyeshwa abategetsi ba Komini kugirango gikurikize programme rusange y'imikino muli ako karere.

Dushobora kubabonera imipira ibili: uwa basketball n'uwa Volleyball. Wiyiziye ubwawe cyangwa se wohereje umuntu hano kuli Sekretariya ya Leta ishinzwe Urubyiruko n'Imikino, ni ukuyibaliza mu Biro bya Sporo n'Imikino.-

SEKRETERI WA LETA USHINZWE
URUBYIRUKO N'IMIKINO,
KAPITENI BIZIMANA A.-

Bimenyeshejwe:

-Bwana Bourgmestre wa Komini GIKORO.
-Bwana Bourgmestre wa Komini BICUMBI.
-Bwana Président wa Cercle Social y'i MUSHA.-